National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

# ITANGAZO RIGENEWE ABAKIRIYA BA BANKI NKURU Y'U RWANDA

## GUTANGIZA KU MUGARAGARO URUBUGA RW'IKORANABUHANGA RUTANGIRWAHO SERIVISI KU BAKIRIYA BA BANKI NKURU Y'U RWANDA (NBR E-CORRESPONDANCE PORTAL)

Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yishimiye gutangaza ku mugaragaro itangizwa ry'urubuga rwayo rw'ikoranabuhanga ruhuza kandi rugatangirwaho serivisi ku bakiriya bayo bose. Iyi ni intambwe ikomeye mu rugendo rwacu rwo kwifashisha ikoranabuhanga rigezweho. Iyi gahunda kandi ijyanye n'intego Banki Nkuru yiyemeje yo kunoza imitangire myiza ya serivisi, imikorere myiza muri rusange, ndetse no kubungabunga ibidukikije.

## IMVO N'IMVANO

Kuva mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020/2021, twatangiye urugendo rwo gushyiraho ikoranabuhanga riteza imbere uburyo bwo guhererekanya ubutumwa hakoreshejwe murandasi, hagamijwe guhindura uburyo busanzwe bwo gusaba no guhabwa serivisi zacu, hagakoreshwa ikoranabuhanga rigezweho binyuze ku rubuga koranabuhanga ruhuriza serivisi zacu ahantu hamwe kandi rudakoresha Impapuro.

Ku ikubitiro, icyiciro cy'igerageza cyatangijwe muri Kamena 2020, uru rubuga rusabirwaho serivisi nkeya. Dutewe imbaraga n'imikorere myiza y'uru rubuga ndetse n'ibitekerezo byiza twabonye, twarwongereye ubushobozi, turarunoza kurushaho kugira ngo rwaguke rusabirweho kandi rutangirweho serivisi zose za Banki Nkuru y'u Rwanda .

## URUBUGA RW'IKORANABUHANGA RUTANGIRWAHO SERIVISI (E-CORRESPONDANCE PORTAL) NI IKI?

Uru rubuga rw'ikoranabuhanga ni umuhuza hagati ya Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) n'abakiriya bayo batandukanye, harimo ibigo by'imari, abatanga serivisi zo kwishyura, abatanga serivisi zinyuranye kuri BNR, hamwe n'abaturage muri rusange bakeneye serivisi zacu. Binyuze kuri uru rubuga, abakiriya bacu ubu bashobora kubona no gusaba serivisi zacu zigera ku 130. Twahuje kandi uru rubuga n'ububiko bw'amakuru bw'abafatanyabikorwa batandukanye, harimo Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Iterambere (RDB), Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA), Ikigo cy'Igenzura Inguzanyo (CRB), Ikigo Gitanga Indangamuntu (NIDA), Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amakoperative(RCA) ndetse na Sisitemu Fatizo ya Serivisi za Banki Nkuru y'u Rwanda (T24 Core Banking System), kugira ngo tunoze kandi dutange ku buryo bwuzuye Servisi nziza.

## ZIMWE MU NYUNGU Z'INGENZI URU RUBUGA RUZANYE:

1. Kunoza itumanaho hagati ya Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) n'abakiriya bayo
2. Gutunganya no kwihutisha itangwa rya serivisi binyuze mu ikoranabuhanga
3. Gutanga umusanzu mu kubungabunga ibidukikije binyuze mu gutanga serivisi hadakoreshejwe impapuro.

## IBISOBANURO BY'ITANGIZA KU MUGARAGARO BY'URU RUBUGA:

Uru rubuga ruzafungura ku mugaragaro imiyoboro yarwo kuwa 20 Ukwakira 2023.

Ruzaboneka kuri https://e-correspondence.bnr.rw/ kandi kuva rufunguwe ruzaba urubuga nyamukuru rusabirwaho rukanatangirwaho serivisi za Banki Nkuru y'u Rwanda.

Turabamenyesha ko guhera kuri iyi tariki yavuzwe haruguru, imeri (email) yari isanzwe isabirwaho serivisi (Central-Secretariat@bnr.rw) itazongera gukoreshwa; ahubwo itumanaho n'ibikorwa byose bijyanye na Serivisi bizoherezwa ku murongo mushya.

**UKENEYE UBUFASHA:**

Ku kibazo cyangwa ubufasha ubwo aribwo bwose, andikira itsinda rya Banki Nkuru y'u Rwanda rishinzwe abakiriya kuri Customercare@bnr.rw.

Turi hano kugira ngo tubafashe kumenyera no gukoreresha neza ubu buryo bushya.

Reka dufatanye urugendo rwo kwifashisha ikoranabuhanga, tugana mu iterambere rirambye.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 17 Ukwakira 2023.**

Digitally
signed by
BNR(GOV
ERNOR)

**RWANGOMBWA John**
**Guverineri**